# 274: Mukiza, tuguhaye Uyu munsi

1. Mukiza, tuguhaye Uyu munsi, n' uwawe : Ntituz' ibiribube:Ni cyo kidushakisha Yuko waturengera Muri byose,Krisito.

2. Niba turibubone Amahoro yonyine, Utuber' ibyishimo Birut' ibindi byose. Haz'ibyag'uduheshe Kukwizera muri byo.

3. icyo tugushakaho Kirut' ibindi byose N'uko watuboneza, Twirirwe dutunganye, Twirind' iby' udashima, Yesu, tugushimishe.

4. Tuz' intege nke zacu igice gusa, Mwami. Nyamara. Mucunguzi, Wowe ntutuyoberwa : Uz' akaga turimo, Nuk' ujy'uturengera.

5. Turashaka kwemera Rwos' ibyanditwe byera no kujya twingingira,ubuntu bwawe,Yesu,no kub'imbata zawe,tugukorera gusa

6. Mwam'utwumvir'uduhe impano twingingira Tugir' umutim' umwe Utishakir' ikindi Keretse gukor’ ibyo Udushakaho, Yesu.

Visit us at indirimbo.com